**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**Rwamagana, kuwa 21-12-2020**
**N°...108..../07.05.01**

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma;**
**NGOMA.**

**Impamvu: Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 04/12/2020**

Bwana Muyobozi,

Ndabamenyesha ko imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 04/12/2020 yangezeho kuwa 14/12/2020.

Nshingiye ku byari ku murongo w'ibyigwa n'imyanzuro mwafashe ku bibazo by'abaturage babandikiye, ndasaba ko mwatangira kubishyira mu bikorwa. Gusa ku baturage basaba kwandikwa ku butaka bwanditse kuri Leta, ndasaba ko hajya hakoreshwa inzego zitandukanya n'abaturage mu gushaka amakuru, kuko byagiye bigaragara ko hafatwa ibyemezo nyuma bikaza kuvuguruzwa n'uko ibyo bibazo bihawe umwanya bigacukumburwa.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA.**

P.O. Box 30 Rwamagana, Tel: 0252567931, Email: info@easternprovince.gov.rw,
Website: www.easternprovince.gov.rw

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Ngoma, kuwa 11/ 08 /2020
No Ref.NJY/ …. /07.05.06

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email: njyanamangoma@ngoma.gov.rw**

Bwana Guverneri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**Impamvu:** Kohereza imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Ngoma yo ku italiki ya 04 Ukuboza 2020.

Bwana Guverneri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbohererereze ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Ngoma yateranye ku italiki ya 04 Ukuboza 2020.

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**BIMENYESHEJWE**

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

INAMA NJYANAMA

Email: njyanamangoma@ngoma.gov.rw

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 04/12/2020 : IGIHEMBWE CYA KABIRI 2020-2021**

Kuwa Gatanu tariki ya 04 Ukuboza 2020, Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama yayo isanzwe, iteranira muri Hotel y' Akarere ka Ngoma (East Gate Hotel) , iyobowe n' Umuyobozi wayo Bwana BANAMWANA Bernard.

Inama yatangiye imirimo yayo i saa tatu (09h00) za mu gitondo, yubahirije amabwiriza yo kwirinda Coronavirus, yitabirwa n'Abajyanama 21 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

Abajyanama basabye impushya ni aba bakurikira :

1. Ir. Musonera Ephrem
2. Dr Namanya William
3. Mukankunzi Pelagie
4. Rukundo Gulain
5. Uwingabire Fausca
6. Kimenyi Martin
7. NAMBAJE Aphrodise
8. Mugisha Narcisse.

Mu ijambo rye atangiza inama, Umuyobozi w' Inama Njyanama y' Akerere ka Ngoma, yahaye ikaze abitabiriye inama abifuriza kugira inama nziza abasaba gutanga ibitekerezo ku ngingo zigwaho; akomeza abagezaho ibiri ku murongo w'ibyigwa.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Gusoma, gusesengura no kwemeza inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere yo ku italiki ya 14/08/2020.
2. Gufata imyanzuro ku bibazo by'abaturage bandikiye Inama Njyanama y'Akarere, bigasuzumirwa mu Makomisiyo no mu nama y'Abaperezida

Abari mu nama bamaze kwemeza ibiri Ku murongo w'ibyigwa basuzumye ingingo ku yindi maze bafata imyanzuro.

## INGINGO YA MBERE:

**GUSOMA, GUSESENGURA NO KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE YO KU ITALIKI YA 14/08/2020**

UMWANZURO WA 1:

Inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo ku italiki ya 14/08/2020 imaze gusomwa , gusesengurwa no gukorerwa ubugororangingo barayemeje.

## INGINGO YA KABIRI:

**GUFATA IMYANZURO KU BIBAZO BY'ABATURAGE BANDIKIYE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA :**

**1.**Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama y'Akarere asaba gusuzuma ikibazo cya **NIKUZE Alponsine** hashingiwe ku ibaruwa Bwana Guverrneri w'Intara y'Iburasirazuba yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma ku italiki ya 29/09/2020 asaba gufatanya n'Inama Njyanama y'Akarere gukemura ikibazo cya Madamu NIKUZE Alphonsine.

- IMITERERE Y'IKIBAZO

Tariki ya 11/04/2017 Madamu NIKUZE Alphonsine yandiye Akarere ka Ngoma asaba kubarurwaho ubutaka bwe bufite UPI: 5/06/05/05/3229 buherereye mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Mahango. Yaje kugirwa inama ko ubusabe bwe yabushyikiriza Inama Njyanama, arabikora, Inama Njyanama yateranye kuwa 28/12/2018 imwemerera kubaruza ubwo butaka ndetse akanabwandikwaho.

Amaze kubona icyangombwa, yaje gusanga ubutaka yabaruweho bufite ubuso buto ugereranije n'ubwo yari yasabye kubarurwaho kuko yasanze bufite 1,885 sqm aho kuba 6,867.02sqm nk'uko yari yarabupimishije kuwa 30/03/2017. Ibi byatumye yongera gusaba Inama Njyanama kumukosorera ubuso, ariko Inama Njyanama yateranye kuwa 29/11/2019 yasuzumye icyo kibazo ntiyabimwemereye.

Nyuma yo kutishimira icyemezo cy'inama njyanama, yandikiye Guverineri asaba kurenganurwa, akabasha gukurikirana amafaranga yagombaga guhabwa na CHINA ROAD & BRIDGE CORPORATION ihacukura amabuye ikoresha yubaka umuhanda wa Kayonza-Rusumo.

❖ IBYAGARAGAYE MU IGENZURA:

1. Byagaragaye ko ubutaka bufite UPI:5/06/05/05/3229 NIKUZE Alphonsine yasabye kubarurwaho akaza kubyemererwa, atari ubwe kuko yabugurishije Aloys GATARI, ahubwo hagaragaye ko hari ubwe butamubaruyeho, bufite UPI:5/06/05/05/3228, n'ubuso bungana na 3073 sqm ;
2. Abaturage bagaragaje ko ubutaka akurikirana ari ubwabo, hakaba hari igice cy'igihandagaza umuryango wabo wari warahawe, giturutse ku butaka bw' uwitwa IYAMUREMYE yahawe na Komini mu mwaka wa 1986;
3. Abaturage badikanije nawe barimo MUKAMBWIRIYUMVA Jacqueline, NYIRAMINANI Elizabeth na NIYONSABA Ebnezer bemeje ko nabo bafite ubutaka bukora ku muhanda, bakaba barishyuwe ibyari ku butaka na Company CHINA ROAD & BRIDGE CORPOATION n'ubwo igice cy'ubutaka bugera ku muhanda habaruwe kuri Leta nk'ahagenewe amashyamba. NIKUZE Alphonsine nawe akaba yari yarahawe 50,000frw ya Avance, akaba yaragombaga kwishyurwa andi amaze kugaragaza uburenganzira afite ku butaka;
4. Mu butaka NIKUZE Alphonsine n'umukobwa we MUKAKIMENYI Jeannette batugaragarije ko bapimishije bungana na 6,867.02sqm; bukubiyemo ububaruye kuri Leta bugizwe n'uburi mu mbago z'umuhanda n' ubwacukuwemo amabuye hamwe n' igice akoresha.

Inama Njyanama imaze kugisesengura yemeje ko :

**UMWANZURO WA 2:**

❖ Inama Njyanama yafashe umwanzuro uhindura uwo yari yarafashe kuri iki kibazo mu nama yayo yo kuwa 29/11/2019. Yemeje ko Nikuze Alphonsine ahabwa uburenganzira bwo kubarurwaho ubutaka bwe bufite UPI:5/06/05/05/3228; agahabwa uburenganzira bwo kwishyurwa ibyo Chine Road & BRIDGE CORPORATION yakuye ku butaka bwe bungana na 3417 sqm (*ubu buso bukaba bwarabazwe hakuweho uburi muri 22m z'imbago z'umuhanda n'ubwacukuwemo amabuye*); Igice kitacukuwemo amabuye yakomeza kugikoresha nk'ubutaka bwa Leta, kugeza igihe Leta izahakenera.

**2. Umwepiskopi wa EAR Diyosezi ya Kibungo Mgr. Emmanuel NTAZINDA** yandikiye Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma ajuririra icyemezo cy'Inama Njyanama cyafashwe ku butaka yita ubwayo bufite UPI 5/06/03/03/18 n'ubufite UPI 5/06/03/03/19, buherereye mu Murenge wa Karembo, Akagari ka Nyamirambo, Umudugudu wa Karibu bwanditse kuri Leta. Avuga ko afite ibimenyetso n'abatangabuhamya bazi ko ubwo butaka ari ubwa EAR Diyosezi ya Kibungo.



1138

Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye ku italiki ya 14/08/2020 mu mwanzuro wayo wa 42 yagize iti :" Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yasanze nta kintu na kimwe kigaragaza ko ubwo butaka bwigeze buba ubwabo; yemeje ko ubwo butaka batabwandikwaho"

Nyuma yo kujuririra uwo mwanzuro, hashyizweho itsinda ryakurikiranye icyo kibazo riyobowe na Visi Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma hamwe na ba Perezida b'amakomisiyo ndetse na Visi Meya ushinzwe Ubukungu, risanga giteye k'uburyo bukurikira :

1. Itsinda ryagiye gukurirana icyo kibazo, rimaze gusuzuma no gusesengura ibyo itorero EAR ryagaragaje nk'ibimenyetso ndetse n'ubuhamya bw'abaturage byashingirwaho kugirango hemezwe ko ubutaka bwa Leta bwubatseho amashuri ya Kabirizi A n'ubukoreshwa nk'ubusitani ari ubutaka bwa EAR; dusanze ibimenyetso batanga bitashingirwaho kubera impamvu zikurikira :

- Nta kintu na kimwe cyangwa inyandiko igaragaza uburyo babonye ubwo butaka;
- Nta cyemezo cy'umutungo *(ACTE DE NOTORIETE)* bafite cyatanzwe na Komini Mugesera cyangwa Akarere ka Mirenge ubwo butaka buherereyemo nk'uko byagendaga hakiriho za komini;
- Nta nyandiko z'agateganyo zahabwaga ababaruzaga ubutaka mu gihe cy'ibarura rusange muri 2009 bagaragaza nk'uko amategeko abiteganya;
- Inyandiko y'amasezerano EAR yagiranye na Minisiteri y'Uburezi yo kubaka amashuri y'inyongera ku kigo cya KABIRIZI A nayo ntiyashingirwaho mu kwemeza ko ubutaka ari ubwa EAR kuko adashingiye ku cyangombwa cy'ubutaka;
- Nyuma y'ibarura rya 2012, EAR nta kimenyetso nakimwe cy'inyandiko yandikiye Umurenge, Akarere cyangwa Ikigo cy'Iguhugu gishinzwe Imicungire n'Imikoreshereze y'ubutaka; igaragaza ko ubutaka yasanze butuzuye cyangwa bwigeze buyibarurwaho ;
- *Inyubako z'amashyuri ya Kabirizi A zubatswe n'AKARERE ku bufatanye na* RHENANIE PALATINAT *na Leta, ntihagaragara uruhare rwa EAR muri ibyo bikorwa;*
- *Amakuru yatanzwe n'Abatangabuhamya ntiyashingirwaho kuko yabayemo kuvuguruzanya kandi Umuyobozi wa EAR yari yabanje kubaganiriza no kubategura ku buhamya bari butange abasanze mu ngo aho batuye, ubuyobozi bw'umurenge, akagali n'umudugudu butabizi;*
- *Igihe ubwo butaka bwatangiwe ntikivugwaho rumwe na EAR n'abatangabuhamya, kuko abaturage babajijwe bavuze ko bwahawe EAR muri 1940; abandi ngo ni 1951 mugihe Musenyeri avuga ko babuhawe muri 1965.*

**UMWANZURO WA 3:**

Abari nama bamaze gusesengura icyo kibazo, bashingiye ku ngingo zavuzwe haruguru bemeje ko ubwo butaka buguma kuba ubwa Leta.

3.Ikibazo cya **MUNYABUGINGO Joël** utuye mu Murenge wa Kazo mu Kagali ka Birenga yandikiye Inama Njyanama asaba ubutaka bwa se Rwagasore J. Chrisostome yahawe na Leta muri 1970; aza kubwamburwa buhabwa uwitwa NTIRIMENINDA Felesiyani bakunda kwita Rukweto. Ubwo butaka buherereye mu Kagari ka Birenga, Umudgudu wa Karisizo; bufatanye n'igishanga gihinzemo umuceri. Abaturage bahinga muri icyo gishanga, basobanuye ko aho yita ahe ari mu nkuka z'icyo gishanga, kandi akaba ari muri metero 50 m hagizwe "buffer zone". Bakomeza bagaragaza ko Munyabugingo Joel afite ubutaka ku rundi ruhande bwari ubwa Se ahingamo urutoki n'indi myaka.

**UMWANZURO WA 4:**

Inama Njyanama yemeje ko Munyabugingo Joel atakemererwa gukoresha ubutaka buri muri buffer zone. Niba hari uwamwambuye ubutaka bwe nk'uko abivuga yakwitabaza inkiko zibifitiye ububasha.

4.**KAYITANA Tite** utuye mu Murenge wa Rukira, Akagari ka Kibatsi Umudugudu wa Duterimbere yandikiye Inama Njyanama asaba kugabanyirizwa umusoro w'ubutaka bwo guhinga bufatanye no gutura, bufite UPI : 5/06/10/02/3392.

**UMWANZURO WA 5:**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bwe, yemeje ko hakurikizwa umwanzuro wa 28 w'Inama Njyanama yo kuwa 14/8/2020 uvuga ku bijyanye no gutandukanya ubutaka butuweho bufatanye n'ubuhingwaho hitawe ku gishushanyombonera cy' Imiturire.

5. **HABUMUGISHA Shadrak** na bagenzi be batuye Murenge wa Mutenderi, Akagari ka Kibare, Umudugudu wa Rwakaza bandikiye Inama Njyanama basaba guhabwa ibyangombwa by' ubutaka batuyemo, bavuga ko bahawe mu isaranganya ry'ubutaka ryakozwe mu mwaka wa 1997.

Igenzura ryakozwe ryasanze ubu butaka bwari bwarasizwe bugenerwa isoko n'ibindi bikorwa Remezo. Aba baturage bahakoreraga bacuruza ariko bafite ahandi batuye bahawe mu isaranganya. Bamwe mu bahacururizaga barahagurishije mu buryo butazwi, abahaguze bahubaka amazu yo gucururizamo abandi bahubaka amazu yo guturamo. Igice cyasigaye batagikoresheje cyaje kubakwamo Ibiro by'Akagali, Post de Sante, Ubwanikiro, n'ubuhunikiro ku buryo nibikenera kwagurwa ntahantu byazagukira hahari. Aba

bose uko ari 24 ntawugaragaza icyemezo cy'uko yahawe ubwo butaka kandi nta n'uvugako yahatujwe nk'umuturage utagira aho atura.

**UMWANZURO WA 6:**

Inama Njyanama y'Akarere yemeje ko aba baturage batandikwaho ubu butaka kuko ari ubwa Leta; yemeza ko hubahirizwa ibi bikurikira :

- Aba baturage bazakomeza gukoresha ubu butaka kugeza igihe Leta izabukenera; bakazakorana amasezerano n'akarere y'imikoreshereze yabwo;
- Hagomba kubarurwa imitungo abaturage bashyizemo, bagasabwa kutongeramo ibindi bikorwa biramba byaba inyubako cyangwa ibikorwa by'ubuhinzi;
- Igihe Leta izakenera kubukoresha hazishyurwa ibikorwa bizaba byabaruwe gusa nta kiguzi cy'ubutaka kirimo kuko atari ubwabo;
- Abaturage bazagirwa inama yo gushaka ahandi batura mbere y'uko bavanwa muri ubwo butaka.

**6. NTAMBARA Grace** utuye mu murenge wa Rurenge, akagali ka Rugese, umudugudu wa Kiyanja, yandikiye Inama Njyanama asaba kwibaruzaho ubutaka yahawemo ingurane.

Muri 2007 uwitwa Matama Agnes yahawe ubutaka bwahoze ari ubwa Mukarutuna Agnes warokotse Jenoside yakorerewe abatutsi muri 1994; nawe abuha NTAMBARA Grace abwiyandikishaho. Mukarutuna Agnes, yasabye ubutaka bwe arabusubizwa, Ntambara Grace ahabwa ingurane yabwo mu butaka bwa Leta buherereye Rugese, Kiyanja. Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 17/11/17; mu mwanzuro wayo yamwemereye ko yandikwaho ubutaka yahawe na Matama kandi yarasabaga ko yandikwaho ingurane y'ubwo yashubije MUKARUTUNA Agnes.

**UMWANZURO 7:**

Inama Njyanama yemeje ko Ntambara Grace akora ihererekanya ry'ubutaka na Mukarutuna Agnes, hanyuma akabona guhabwa icyangombwa cy'ubutaka bwa Leta yahaweho ingurane; kandi basonerwe ikiguzi cy' imirimo y'ihererekanya ry'ubwo butaka.

7.MUSANABERA Agnes utuye Murenge wa Kibungo mu Kagali ka Karenge mu Mudugudu wa Musamvu, yandikiye Inama Njyanama, asaba koroherezwa uburyo bwo kwishyura ubukode bw'inzu acumbikiwemo n'Akarere, kuko mu gihe cya GUMA MURUGO, yahagarikiwe umushahara bimugiraho ingaruka zo kwishyura bimugoye. Arasaba ko yakishyura 40.000frw buri kwezi, aho kwishyura 30.000frw nk'uko yajyaga ayishyura buri kwezi, kugirango ashobore gukuramo ikirarane yashyizwemo no kubura ubwishyu.

UMWANZURO WA 8:

Inama Njyanam yemeje ko Komite Nyobozi yamufasha gukemura iki kibazo, bagakorana amasezerano y'uburyo azajya yishyura nk'uko yabisabye.

8. **KAMANZI Deo** wo mu Murenge wa Rukira, Akagari ka Buliba, Umudugudu wa Kibimba, yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka atuyemo n'ubwo ahingamo, buherereye mu Umurenge wa Rukira, Akagari wa Buliba, Umudugudu wa Kibimba; yabuhawe ubwo yaje mu Rwanda yirukanywe Tanzaniya muri 2014. Amakuru yatanzwe n'umukozi ushinzwe Imibereho mu Karere avuga ko KAMANZI Deo ari ku rutonde rw'abirukanywe Tanzanya muri 2013.

UMWANZURO WA 9:

Inama Njyanama yemeje ko KAMANZI Deo yahabwa ibyangombwa by'aho yatujwe n' aho guhinga nk'uko byakorewe abandi BANYARWANDA birukanywe Tanzaniya.

9. **MUKAMAJORO Consolée** wo mu Murenge wa Kibungo, Akagali ka Karenge, Umudugudu wa Kabeza yandikiye Inama Njyanama asaba ko isambu ye ifite UPI : 5/06/05/04/1230 , iherereye mu murenge wa Kibungo , akagali ka Karenge, umudugudu wa Kabeza, yagabanywamo ibice bitewe n'ibyo ikoreshwa ( ahubakwa , aho guhinga , ahari ishyamba n'aho yasaranganyije ) , bituma abarirwa imisoro atabasha kwishyura .

UMWANZURO WA 10:

Inama Njyanama Inama imaze gusuzuma ubusabe bwe igasanga hari umwanzuro rusange wafashwe kuri iki kibazo, yemeje ko hakurikizwa umwanzuro wa 28 w'Inama Njyanama yo kuwa 14/8/2020. Bityo yatandukanyirizwa ubutaka hitawe ku gishushanyombonera.

10. **BARIHUTA Jean de Dieu** wo mu Umurenge wa Rukumberi, Akagali ka Rubona, Umudugudu wa Kagarama, yandikiye Inama Njyanama asaba kugabanyirizwa imisoro ikomoka ku butaka bwo gutura bufatanye n'ubwo guhinga, bufite UPI : 5/06/11/04/1263.

UMWANZURO WA 11:

Inama imaze gusuzuma ubusabe bwe igasanga hari umwanzuro rusange wafashwe kuri iki kibazo, yemeje ko hakurikizwa uwo mwanzuro wa 28 w'Inama Njyanama yo kuwa 14/8/2020. Bityo yatandukanyirizwa ubutaka hitawe ku gishushanyombonera.

**11. MUKAKOPI Madelène** wo mu Umurenge wa Zaza, Akagali ka Nyagatugunda, yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa imisoro y'ubutaka bwo gutura bufatanye nubwo guhinga bufite UPI: 5/06/11/04/2456.

**UMWANZURO WA 12:**

Inama imaze gusuzuma ubusabe bwe igasanga hari umwanzuro rusange wafashwe kuri iki kibazo, yemeje ko hakurikizwa uwo mwanzuro wa 28 w'Inama Njyanama yo kuwa 14/8/2020. Bityo yatandukanyirizwa ubutaka hitawe ku gishushanyombonera.

**12. MANISHIMWE** Edlson wo mu Murenge wa Kibungo mu Kagali ka Karenge yanditse asaba kugabanyirizwa imisoro y'ubutaka. Yasobanuye ko icyangombwa cy'ubutaka yakibonye mu mwaka wa 2015 none akaba yifuza ko yasora ahereye mu mwaka wa 2015.
Abari mu Nama basanze icyangombwa cye cyarasohotse 2012 ariko we agifata muri 2015

**UMWANZURO WA 13:**
Abari mu nama basanze, akwiye gusora ahereye igihe icyangombwa cyasohokeye muri 2012.

**13. Umuyobozi wa EAR Paroisse Kanazi** ikorera mu Murenge wa Sake yanditse asaba gukemurirwa ikibazo cy'imbago hagati y'ubutaka bwa Leta n'ubwa EAR Kanazi, bufite UPI : 5/06/13/01/5594 ; kuko zitumvikanwaho n'impande zombi.

**UMWANZURO WA 14:**
Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo, yemeje ko abakozi b'ibiro bishinzwe ubutaka mu karere, bazajya gupima hakagaragazwa imbago z'ubutaka bwa EAR n'ubwa Leta.

**14. Abaturage batuye mu kagari ka Kibonde mu Murenge wa Sake** bandikiye Inama Njyanama basaba kwandikwaho ubutaka bwabo bwanditse kuri Leta.
Abo baturage ni aba bakurikira ;

1.NTAGANIRA JMV ;
2. HATEGEKIMANA Isidore ;
3. MUKANDANGA Cecille ;
4. DUSABE J P ;

5. HABARUREME Celestin ;
6. NSABIYAREMYE Cassien ;
7. NDUWIMANA Francois ;
8. MUTABAZI Andre ;
9. NTABAKURE Vincent ;
10. NYIRIMIHIGO Erneste ;
11. SIBANIRO Theophile ;
12. BIHIBINDI Damien.

Igenzura ryakozwe, ryasanze aba baturage batarigeze babarurirwa ubutaka bwabo bwose bwanditse ku butaka bwa Leta kandi bugaragara ko ari ubutaka buhingwa.

UMWANZURO WA 15 :

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo, yemeje ko abakozi b'ibiro bishinzwe ubutaka mu karere, bazajya gupima ubwo butaka bakagaragariza abaturage ubutaka bwabo bukabandikwaho.

**15.TWAHIRWA Felicien** wo mu Umurenge wa Rukumberi, Akagali ka Rwintashya, Umudugudu wa Rwimpongo ya 1 yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka yahawe na Leta, buri Rukumberi kandi agahabwa n'aho gutura.

TWAHIRWA Felicien yari yarahawe ubutaka n'inzu mu murenge wa Mugesera, byagaragaye ko ubwo butaka yahawe bwari bufite muntu nyirabwo bwanditseho ; biba ngombwa ko abumusubiza. Kuko yari yarahawe ubundi butaka muri Rukumbeli bungana na ½ ha, yasabye ko yakegerezwa aho ubwo butaka buri akahahabwa n'inzu.

UMWANZURO WA 16 :

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo, yemeje ko TWAHIRWA Felicien ahabwa inzu iri mu Murenge wa Rukumberi akanandikwaho ubutaka asanzwe ahafite bungana na ½ ha, naho inzu yo mu Murenge wa Mugesera igasubizwa mu maboko y'Akarere ; ikazahabwa undi utishoboye.

**16. MUKASONGA Beatrice** wo mu Murenge wa Rukumberi, Akagari ka Gituza, Umudugudu wa Mfune yandikiye Inama Njyanama, asaba icyangombwa cy'ubutaka yasaranganijwe kuko arera abana b' imfubyi.

Abagiyeyo basanze ababyeyi babo bana ariibo babusaranganijwe baza kwitaba Imana batarabwiyandikishaho. MUKASONGA Beatrice niwe wasigaye arera abo bana bityo agasaba ko ubwo butaka yabwandikwaho.

UMWANZURO WA 17:

Inama Njyanama yasuzumye iki kibazo isanga ubwo butaka asaba ari ubw'abana b'impfubyi arera abereye nyirasenge ; ababyeyi b'abana nibo babusaranganyijwe bitaba Imana batabwibarujeho.
Inama yemeje ko MUKASONGA Beatrice adahabwa uburenganzira bwo kwiyandikishaho ubwo butaka bwakwandikwa kuri Succession NSIGARIZI Claudine (umubyeyi wabo) wari warabuhawe, bagasonerwa ikiguzi cy'imirimo irebana n'iyandikwa ry'ubutaka.

**17.MUKANDAMIRA Pascasie** wo mu Umurenge wa Rukumberi, Akagarii ka Gituza, Umudugudu wa Gituza yandikiye Inama Njyanama asaba icyangombwa cy'ubutaka bw'umuhungu we yari yarahawemo ingurane y' ubutaka bwe bwasaranganijwe kandi butaragombaga gusaranganywa kuko yari impfubyi ya Jenoside. Uyu muhungu we yaje kwitaba Imana atarabwiyandikishaho none umubyeyi MUKANDINDA Pascasie arasaba kubwandikwaho.

UMWANZURO WA 18:

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yasanze MUKANDINDA Pascasie ari umuzungura wa Nyakwigendera NDANGUZA Eugene nk'uko bigaragazwa n'icyangombwa cy'ubuzungure cyatanzwe n'umurenge wa Rukumberi, giherekejwe n'icyemezo cy'uko undi yitabye Imana.

Inama Njyanama yemeje ko MUKANDINDA Pascasie yakwandikwaho ubwo butaka.

**18.NYANKEBE Fortune** wo mu Murenge wa Rukumberi, Akagali ka Ntovi, Umudugudu wa Ntovi yandikiye Inama Njyanama asaba ingurane y'ubutaka bwatujwemo abaturage batatu aribo: MUGESERA Modeste; MUKARUZAMBA Catheline na NABAKURANA Tharcisse; bungana na meterokare 1735 buherereye mu Murenge wa Rukumberi mu Kagali ka Ntovi mu Mudugudu wa Ntovi. Abagiyeyo basanze yarareze aba bantu mu Rukiko aratsindwa.

UMWANZURO WA 19:

Inama Njyanama imaze kubona ko yatsinzwe mu Rukiko, yasanze idafite ububasha bwo kuvuguruza icyemezo cy'urukiko.

**19. MUKARUSINE Regine** wo mu Murenge wa Rukumberi, Akagari ka Rwintashya, Umudugudu wa Rwimpongo ya I, yandikiye Inama Njyanama asaba ubutaka bwo guhingamo; kuko kuva ahungutse avuye i BURUNDI, yahawe aho gutura; ntiyahabwa aho guhinga.

UMWANZURO WA 20:

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo , yasanze ibyo avuga ari ukuri, yemeje ko umurenge wamufasha nk'uko usanzwe ufasha abatishoboye.

**20. MUKAMUSONERA Alponsine** wo mu Murenge wa Rukumberi, akagali ka Gituza yandikiye Inama Njyanama asaba guhabwa uburenganzira bw'ubutaka. Ubwo butaka asaba ni ubw' umwana wa musazawe nyakwigendera NKURUNZIZA Innocent ; witwa ISABANE Thierry.

**UMWANZURO WA 21:**

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yemeje ko MUKAMUSONERA Alphonsine atandikwaho ubwo butaka ahubwo ko bwandikwa kuri Succession Nkurunziza Innocent, uhagarariwe na ISABANE Thierry.

21. NYIRASIKUBWAHO Laurence wo mu Murenge wa Rukumberi, Akagali ka Gituza, Umudugudu wa Ruyenzi ya 2 yandikiye Inama Njyanama asaba icyangombwa cy'ubutaka yahawemo ingurane. Mu gihe cy'isaranganya NYIRASIKUBWAHO Florence yahawe ubutaka, igice kimwe gifata kubw'impfubyi, Icyo gice ahabwa ingurane yacyo, none arasaba uburenganzira bwo kuhiyandikishaho

**UMWANZURO WA 22:**

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yemaje ko NYIRASIKUBWABO Florence ahabwa uburenganzira bwo kwandikwaho ubwo butaka.

**22.MUKANDORI Francoise** utuye mu Murenge wa Rukumberi, Akagali ka Ntovi yandikiye Inama Njyanama asaba gutizwa ubutaka bwo guhingiramo abana be batandatu (6) harimo n'ufite ubumuga. Itsinda ryagiye gusura MUKANDORI Françoise ryasanze afite ubundi butaka kandi nabwo atabukoresha icyo bwagenewe.

**UMWANZURO WA 23:**

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yasanze MUKANDORI Francoise afite ubundi butaka kandi nabwo atabukoresha uko bikwiye. Yemeje ko MUKANDORI Francoise atatizwa ubutaka.

**23. NSHIMYUMUREMYI Felix** utuye m'Umurenge wa Rukumberi, Akagali ka Rubona, Umudugudu wa Maswa ya 1 yandikiye Inama Njyanama , asaba kwandikwaho ubutaka buri mu kibanza N$^0$ 2229, avuga ko yabuguze na NSHIMIYIMANA J Claude muri 2009, agiye kubwandikisha asanga bwanditse kuri Leta.

UMWANZURO WA 24:

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yemeje ko atemerewe kwandikwaho ubwo butaka azakurikirana mu rukiko uwo babuguze.

**24. SAFARI Olivier** utuye mu Murenge wa Rukumberi, Akagali ka Rwintashya, Umudugudu wa Rwimpongo ya 1 yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho Isambu yaguzwe na Pasiteri MUBIRIGI. Yasobanuye ko baguze bakiri bato arabasinyisha.

UMWANZURO WA 25:

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yasanze barareganye mu nkiko SAFARI Olivier agatsindwa. Yemeje ko atemerewe kwandikwaho iyo sambu kuko Inama Njyanama itavuguruza icyemezo cy'urukiko.

**25. NZAMWITAKUZE Marie Therese** wo mu murenge wa Mugesera, Akagali Ka Nyamugali, Umudugudu wa Nyamabuye arasaba gusonerwa imisoro no guhabwa icyangombwa cy'ubutaka bufite UPI :5/06/06/04/2033; ubwo butaka yabuguriwe n'abantu bishyizehamwe ku mafaranga 400,000 Rwf ; habura amafaranga y'imisoro angana na 113,103Rwf n' ay'ihererekanya ry'ubwo butaka kuko adafite ubushobozi bwo kuyabona. NZAMWITAKUZE Marie Therese, ubutaka yaguriwe ni ubw'umuryango wa MUSONI uhagarariwe na UWIZEYIMANA Claudine nawe witabye Imana. Abaturage bamuguriye ubutaka bufite ibibazo by'ibirarane by'imisoro, kandi akaba atabasha no gukora ihererekanya ry'ubutaka kubera ko atishoboye cyane ko ari no muri Cat 1.

UMWANZURO WA 26:

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yabonye amakuru ko habonetse abandi bagiraneza bemeye kumwishyurira amafaranga y'izungura angana na 25,000frw n'ayo guhinduranya ibyangombwa (mutation) angana na 30,000frw. Yemeje ko nyuma yo kwishyura ibyo byose, mu biro by'imisoro, bafasha NZAMWITAKUZE kubona icyangombwa cy'ubutaka kandi agasonerwa ibirarane by'imisoro.

**30. MABUYE Pangras**, utuye mu Murenge wa Kibungo, Akagai ka Karenge ; KAYIRAME Laurent utuye mu Murenge wa Kibungo,Akagari ka Karenge na KAMASHARA Veneranda utuye mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Mahango bandikiye Inama Njyanama basaba gusonerwa imisoro y'ubukode bw'ubutaka kuko batishoboye.

UMWANZURO WA 31.

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bw'aba bantu uko ari batatu, yemeje ko batakuriwaho imisoro y'ubu butaka, ahubwo bafashwa gushaka ubushobozi buzatuma babubyaza umusaruro.

**31. UWIZEYIMANA Andre** wo mu Murenge wa Jarama, Akagari ka Ihanika, Umudugudu wa Irebero yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka bwanditse kuri Leta. Aragaragaza ko abaturanyi be bose ubutaka bwabo bubanditseho; kandi ubwo butaka bwe kimwe n'ubw'abaturanyi be, bwahoze ari uwa Pastor RWAGATORE Stephano. We wenyine niwe wasanze ubutaka bwe bwanditse kuri Leta.

UMWANZURO WA 32:.

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yemeje ko UWIZEYIMANA Andre yahabwa uburenganzira bwo kwiyandikishaho ubwo butaka kuko byagaragaye ko ntaho buhurira n'ubwa Leta.

**32. Gahima John** wo mu Murenge wa Mutenderi, Akagali ka Kibare, Umudugudu wa Mutukura uvuga ahagarariye ishyirahamwe ry'aborozi TWEGERANE yandikiye inama njyanama asaba gutizwa ubutaka bwo gukoresha mu bworozi bw'amatungo maremare buherereye mu Murenge wa Mutenderi, Akagari ka Kibare ,Umudugudu wa Mutukura.

UMWANZURO WA 33:

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo yemeje ko badahabwa ubu butaka.

**33. MASABO Thomas** utuye mu Murenge Rurenge, Akagari ka Rugese, Umudugudu wa Kiyanja akaba ari mu banyarwanda birukanwe Tanzaniya, arasaba kuguranirwa isambu yo guhingamo. Asanzwe afite isambu iherereye mu Murenge wa Rurenge, Akagari ka Rujambara, umudugudu wa Kabeza ifite UPI 5/06/12/05/3908; ifite ubuso bungana metero kare 9,920.

UMWANZURO WA 34:

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo yemeje ko Masabo Thomas atahabwa ingurane , ahubwo yagirwa inama yo kugurisha ubutaka bwe buri kure ye akagura ubumwegereye.

34. **MUKANDACOGORA Denise** wo mu Murenge wa Rurenge, Akagari ka Rugese, Umudugudu wa Kiyanja yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kuko ubutaka yahawe muri 2010 atarabona uburenganizira bwo kubukoresha. MUKANDACOGORA Denise yahawe inzu n'isambu nk'uwasigajwe inyuma n'amateka. Inzu iherereye mu murenge wa Rurenge, akagali ka Rugese, umudugudu wa Kiyanja. Isambu iherereye mu murenge wa Rurenge, akagali ka Rujambara, umudugudu w' Urusagara. Byose byari ibya Cyubahiro Gregoire, akaba yarabisize ajya kwiga ntiyagaruka. MUKANDACOGORA abihawe yahawe icyangombwa cya burundu cy'inzu ariko ntiyahabwa icy'isambu.

Abagize itsinda basanze ubutaka bukoreshwa na NTANSHUTI Etienne, avuga ko yabuguze na Desire waturutse Tanzaniya kandi nawe nta nyandiko bafitanye igaragaza ubugure.

UMWANZURO WA 35:

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo, yemeje ko ubwo butaka bwandikwa kuri Mukandacogora Denise nk'uko yari yabugenewe.

35. MUKAZUZI Louise ubarizwa mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Karenge, Umudugudu w'Amahoro arasaba kwandikwaho ubutaka avuga ko yahawe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma nk'umwe mu baturage bahejejwe inyuma n'amateka no gufashwa kubakirwa.
Ubwo butaka buherereye mu Murenge wa Rurenge, Akagari ka Rugese, Umudugudu wa Kiyanja; bungana na 70/30 m; bukoreshwa na Mukarukwaya Alphonsine .

UMWANZURO WA 36:

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo, yemeje ko MUKAZUZI Louise ahabwa ubwo butaka; umurenge ukamufasha kubakirwa nk'abandi batishoboye.

36. **MUKARUKWAYA Alphonsine** utuye mu Murenge wa Rurenge, Akagari ka Rugese, Umudugudu wa Kiyanja yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka avuga ko yahawe n'Umurenge nk'umwe mu baturage bahejejwe inyuma n'amateka. Mukarukwaya yubakiwe n' abagiraneza bitwa KOPRIMA (koperative ihinga umuceri) akaba yari yaragurishije igice kimwe cy'ubutaka n' itorero Miracle Center rimuha 140, 000 frw,

UMWANZURO WA 37:

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo, yemeje ko Mukarukwaya Alphonsine ahabwa icya ngombwa cy'ubwo butaka, amaze gusubiza itorero Miracle center amafaranga yahawe, naryo rigasubiza ubwo butaka kuko ryabuguze mu buryo butemewe n'amategeko.

**37. MUKANDAYAMBAJE Charlotte** ubarizwa mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Karenge, Umudugudu w'Isangano, yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka yahawe buri mu Murenge wa Rurenge, Akagari ka Rugese, Umudugudu wa Kiyanja.

MUKANDAYAMBAJE Charlotte ni umwe mubahawe ubutaka nk'uwahejejwe inyuma n'amateka; nyuma aza kubugurisha uwitwa Muvunyi Damascene. Ubuyobozi bw'umudugudu wa Kiyanja bwamusabiye Muvunyi Damascene ko yamuha aho atura kuko yari asigaye ubusa, amuha ikibanza.

**UMWANZURO WA 38:**

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yasanze iki kibazo cyarafatiwe umwanzuro mu nama Njyanama yo ku italiki ya 14/08/2020 umwanzuro wa 19 uvugako MUKANDAYAMBAJE Charlotte atemerewe kwandikwaho ubwo butaka ahubwo ko agomba gukurikiranwa we n' uwo babuguze. Yemeje kandi ko Muvunyi Damascene agomba gusubiza ubutaka mu maboko y'Akarere kuko yabuguze mu buryo butemewe n'amategeko (yabuguze n'utari nyirabwo).

**38. MUKARURINDA Therese** utuye mu murenge wa Rurenge, Akagari ka Rugese, Umudugudu wa Kiyanja yandikiye Inama Njyanama asaba kwibaruzaho ubutaka yita ubwe yaguze na Mukankizemenshi Shadia muri 2016, abugura amafaranga 330,000 frw. Mukankizemenshi Shadia nawe aremeza ko yabugurishije atari ubwe kandi akavuga ko adafite amafaranga yo gusubiza Mukarurinda Therese.

**UMWANZURO WA 39:**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo yemeje ko MUKARURINDA Therese atemerewe kwandikwaho ubwo butaka kuko yabuguze n'utari nyirabwo. Ubwo butaka bugomba gusubira mu mutungo w''Akarere.

**39.NSABIMANA Martin** utuye mu Murenge wa Rukira,Akagari wa Buliba,Umudugudu wa Dagaza yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka atuyemo buherereye mu Murenge wa Rukira ,Akagari ka Buliba,Umudugudu wa Dagaza n'ubwo ahinga buherereye mu Kagari ka Buliba,Umudugudu wa Rugaragara.

NSABIMANA Martin yakiriwe ubwo yari avuye mu ngabo(RDF) muri 2010 atuzwa Dagaza mu kibanza kingana na metero 20/30 aho yubakiwe na komisiyo yo gusezerera ingabo zavuye ku Rugerero, akaba avuga ko ubwo butaka bwaguzwe na komisiyo bwari bwagenewe Nsabimana n'undi atibuka izina waje kubusiga akajya gutura Kayonza.Avugako yahawe ubundi butaka mu bwa leta buherereye mu Murenge wa Rukira, Akagari ka Buliba, Umudugudu wa Rugaragara bungana na metero 50/287 aho yaje gutera ishyamba muri 2011.

**UMWANZURO WA 40:**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo, yemeje ko agumana ubutaka atuyemo kandi yanditsweho. Ntiyemerewe kwiyandikishaho iryo shyamba kuko yariteye mu butaka bwa Leta; yemerewe kurikorera no kurisarura kugeza ubwo Leta izakenera ubutaka akabusubiza.

40. **BACONO Alexis** uhagarariye Koperative KOAKI KAZO yandikiye Inama Njyanama asaba gutizwa igishanga cyo gukoresha umulimo w'ubworozi b'amafi. Iyi kopeartive ifite icya ngombwa cya RCA cyo korora amafi. Abakurikiranye iki kibazo basanze bakora uburobyi bw'amafi mu gifunzo ahari ikidendezi cy'amazi, aya mafi akomoka mu mu uruzi rw'Akagera.

**UMWANZURO WA 41:**

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo, yemeje ko BACONO Alexis adahabwa ubwo ubutaka yasabye kuko ari igifunzo kandi bukaba butari mu bubasha bwa Njyanama y'akarere.

41. **MURARA Janvier na SEROMBA John** batuye mu Murenge wa Rukira mu Kagali ka Nyinya mu mudugudu wa Mirambi ; bandikiye Inama Njyanama basaba gukodesha ubutaka bwa Leta burimo urwuri rufite ubuso bungana na hegitati 11,114 ha, ruri mu Kagali ka Nyinya basanzwe bakoreramo ubworozi bw'inka.
Murara Janvier yasabye gukodesha ubutaka bungana na 5,542ha. SEROMBA John yasabye gukodesha ubutaka bungana na 5,572ha.

**UMWANZURO WA 42:**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bwabo yemeje ko MURARA Janvier SEROMBA John bakodeshwa ubwo butaka nk'uko babusabye; bakazakorana n'akarere amasezerano y'ubukode .

42. **SIBOMANA Celestin** utuye mu Murenge wa Kazo, Akagari ka Birenga, mu mudugudu wa Kalisizo, yandikiye Inama Njyanama ajuririra umwanzuro wa NJyanama ku butaka yatsindiye mu Rukiko rw'Abunzi kandi ari ubwa Leta

**UMWANZURO WA 43:**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubu busabe yasanze ubujurire bwe nta shingiro bufite

**43. Mashyaka Boniface** utuye mu murenge wa Rukira, Kagali ka Nyaruvumu n'Abazungura ba KAYONDE Ezechiel bahagarariwe na NSENGIYUMVA Museveni Emmanuel Ufite ubutaka mu murenge wa Kibungo, akagari ka Mahango, umudugudu wa Ruhinga, bandikiye Inama Njyanama basaba guhabwa uburenganzira bwo gusarura ishyamba bateye mu butaka bwa Leta ,no kwishyurwa ibiti byangijwe na Sosiyete y'Abashinwa yakoraga umuhanda wa KAYONZA -RUSUMO.

**UMWANZURO WA 44:**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubu busabe , yemeje ko abujuje ibisabwa bakorana amasezerano n'Akarere yo gukorera no gusarura iryo shyamba kugira ngo ashingirweho bahabwa ingurane, ariko ko ubutaka ubwabwo buguma mu mutungo wa Leta

**44. MUKAMURENZI Monique** wo Murenge wa Kibungo, Akagari ka Cyasemakamba, Umudugudu w'Amarembo yandikiye Inama Njyanama asaba gutandukanya ubutaka buhingwaho n'ubutuweho

**UMWANZURO WA 45:**

Inama Njyanama Inama imaze gusuzuma ubusabe bwe igasanga hari umwanzuro rusange wafashwe kuri iki kibazo, yemeje ko hakurikizwa umwanzuro wa 28 w'Inama Njyanama yo kuwa 14/8/2020 uvuga ibijyanye no gutandukanya ubutaka butuweho bufatanye n'ubuhingwaho. Bityo yatandukanyirizwa ubutaka hitawe ku gishushanyombonera

**45. Afrika Alexis umuyobozi wa AFRICUS Company Ltd** yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa; kuko ubuyobozi bw'umurenge n'akarere bwamubujije guhabwa ibyangombwa kuko aho yacukuye umucanga mu rwego rw'igerageza (sample) basanze atari aho yasabye, ari mu mwanya w'iyindi Company isanzwe ihacukura umucanga yitwa Best United Company Ltd , ifite n'icyangombwa yahawe hashingiwe kuri Coordinates zatanzwe. Basanze Best United Company Ltd isanzwe ihacukura umucanga

**UMWANZURO WA 46:**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo, ishingiye kuri raporo yakozwe n'ikipe yoherejwe gukemura iki kibazo, igasiga buri Company yeretswe aho ikorera imaze kwerekana ibyangombwa byayo; yemeje ko Africus Company Ltd ihabwa ibyangombwa byo gucukura no gucuruza Kariyeri, kuko byagaragaye ko itinjira mu mbibi za Best United Company Ltd.

**46.SIKUBWABO Francois na NZEYIMANA Alexis** basabye gukodesha ubutaka bw'Akarere bungana na hegitari eshatu (3ha), buherereye mu Murenge wa Karembo, Akagari ka Nyamirambo, Umudugudu wa Gashekasheke. Bombi bakora umurimo w'ubuhizi, bakaba barakoze imishinga igaragaza uko bazabyaza umusaruro ubwo butaka, maze isuzumwa n'Ishami ry'Ubuhinzi mu Karere rigaragaza ko NZEYALEX SEED

COMPANY, ihagarariwe na NZEYIMANA Alexis , ariyo yagaragje ubushobozi bwo gukodesha no kubyaza umusaruro ubwo butaka , mu rwego rw'Akarere n'Igihugu muri rusange.

**UMWANZURO WA 47:**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo, yemeje ko ubutaka bwakodeshwa Nzeyimana Alexis ufite Company yitwa NZEYALEX SEED COMPANY; kubera ko ariwe mutubuzi wenyine uri mu karere ka Ngoma ukorana na RAB n'ibyo akora bikaba bifitiye akarere akamaro. Akazakorana amasezerano y'ubukode n'akarere.

**47. UWUTONZE Assumpta** utuye Kigali Akarere ka Kicukiro, Umurenge wa Gatenga yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kuko adafite uburenganzira ku butaka bw'ababyeyi be bitabye Imana, bukaba buherereye mu Murenge wa Mutenderi, Akagari ka Nyagasozi, Umudugudu wa Nyamirindi. Ubwo butaka bwari ubwa se witwaga Gashugi Straton. Ubwo butaka burimo ishyamba ryatewe na se akaba yifuza ko bwandikwa ku bana be aribo UWITONZE Assumpta, Gashugi ELYSEE na GISARO Patrick.

Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mutenderi n'amakuru yavuye mu Nteko z'abaturage, bagaragaje ko Straton GASHUGI yazize Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 kandi na buriya butaka bufite UPI: 2052 buteyeho ishyamba atari ubwa MINEMA, ahubwo ari uwa GASHUGI Straton.

**UMWANZURO WA 48:**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo, yemeje ko ubu butaka bwakwandikwa kuri succession GASHUGI Straton,

**48. Abagize Komisiyo y'Imiyoborere myiza** basuye Inama Njyanama z'Imirenge bagaragarizwa ibibazo abagize Inama Njynama bahura nabyo birimo Imyanzuro y'Inama Njyanama z'umurenge idasuburuzwa ku gihe.

**UMWANZURO WA 49:**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo yemeje ko imyanzuro Inama Njyanama z'Imirenge yoherezwa ku karere yashyizwe mu nshingano z' Umujyanama wa Komite Nyobozi (Advisor), akazajya akurikirana uko isubirizwa ku gihe.

**49.Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage** yakoranye inama n'abafatanyabikorwa b'Akarere mu ishami ry'imibereho myiza n'abakozi b'Akarere bashinzwe imibereho myiza. Abafatanyabikorwa bagaragaza zimwe mu mbogamizi zirimo;

Imikoranire y'inzego z'akarere n'abafatanyabikorwa itaranozwa neza; Imihigo y'akarere iri mu rurimi rumwe no gukoresha impine z'amagambo zitazwi mu mihigo.

**UMWANZURO WA 50:**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo, yemeje ko mu nama zihuza abafatanyabikorwa n'abakozi b'akarere, hazajya hatumirwamo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, bigafasha gukurikirana Imikorere n'Imikoranire y'inzego.

Yemeje ko Imihigo y'Akarere ikwiye gushyirwa mu ndimi zitandukanye aho kuba mu cyongereza gusa, kandi ahakoreshejwe impine mu mihigo bandike mu dukubo icyo ivuze kugirango byorohereze abafatanyabikorwan'abaturage kuyisobanukirwa.

Inama yarangije imirimo yayo saa kumi z'umugoroba(16h00).

Bikorewe Ngoma kuwa 04/12/2020.

UMWANDITSI W'INAMA

MUKANKURANGA Beatrice

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

y'Akarere ka NGOMA

UMUYOBZI W'INAMA

BANAMWANA Bernard

Perezida w'inama Njyanama

y'Akarere ka NGOMA